Gushaka Abarimu

Aho Dukorera: Kigali, Rwanda **Ubwoko bw'Akazi**: Umushahara ku isomo

Ubusobanuro ku Kigo

Kingura Learning Platform Ltd., TIN: 126690020, ni kompanyi y'ikoranabuhanga yihariye mu gutanga ibikoresho by'uburezi bifite ireme mu ndimi gakondo ny'Afurika. Binyuze ku rubuga rwa **Kingura.com**; dutuma uburezi burushaho kugera kuri bose, duhuje umuco n'ubuzima bwabo bwa buri munsi. Dutanga amasomo arambuye, inyandiko zisesenguye mu majwi n'amashusho ku nsanganyamatsiko zigiye zitandukanye zirimo integanyanyigisho ku mashuri, ubumenyi ku bijyanye n'imari, ubucuruzi, amateka, umuco, n'iterambere ry'umuntu ku giti cye. Intego yacu ni ugutanga ubumenyi, gushyigikira kwiga no kumenya umuco binyuze mu ndimi kavukire, ndetse no kugabanya icyuho kiri mu burezi binyuze mu gutanga ibitekerezo n'amasomo afite ireme mu muco w'urwo rurimi. Tubinyujije ku rubuga rwacu rwa **Kingura,** twiyemeje guhindura ahazaza h'uburezi muri Afurika tubinyujije mu ikoranabuhanga kandi twita cyane ku kurinda ubusugire n'ubukungu bw'indimi kavukire.

Aho Ibiro Biherereye: KK 15 Road, Kicukiro, Kigali, Rwanda. BRGD Plaza Igorofa rya mbere.

Urubuga: kingura.com

Ubusobanuro ku mwanya w'akazi

Turashaka abarimu bo kudufasha kwigisha amasomo atandukanye bafite ubushake n'ubushobozi bwo gutegura amasomo mu buryo burambuye. Abakandida batoranijwe bazaba bafite inshingano zo gutegura no kunononsora amasomo azakoreshwa ku rubuga rwa **Kingura,** bikozwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda**.**

Inshingano z'usaba akazi

- **Gusesengura no kumenya amasomo nkenerwa:** Gusesengura no kumenya imiterere y'isomo ritegurwa n'abo rigenewe.
- **Gutegura integanyanyigisho** ikubiyemo amasomo yose uzigisha, ugaragaza neza uburyo amasomo azajya akurikirana.

- **Kugaragaza ishusho n’imyubakire y’isomo**: Gutegura mu buryo burambuye inyandiko ikubiyemo incamake, inyoboranyigisho n’intego y’isomo; isuzuma kuri buri somo, ndetse n’isuzuma rusange.
- **Gutegura imikoreshereze y’imfashanyigisho:** Gutegura uburyo butandukanye bwo kwiga no kwigisha kugira ngo buri kiciro cy’abanyeshuri kisange mu isomo.
- **Kugenzura no kumenya ireme ry'ibishyirwa mu isomo:** Gusuzuma neza no kumenya ibikubiye muri buri somo hirindwa amakosa n'ibindi bidafite aho bidahuriye n’isomo; kungurana ibitekerezo n'inzobere mu rwego rwo kwirinda kunyuranya no kuvanga amasomo.
- **Kugenzura neza niba isomo ryose riri mu Kinyarwanda:** Gusuzuma neza ko amasomo yose yanditse mu Kinyarwanda cy’umwimerere.
- **Gutanga uruhare mu gutegura amajwi n’amashusho:** Kwitabira igikorwa cyo gutegura amashusho n’amajwi by’amasomo azifashishwa mu kwigisha.

Ubuhanga n'ubumenyi bukenewe

1. **Kwandika no kuvuga neza Ikinyarwanda:** Kuba uzi kwandika no kuvuga neza Ikinyarwanda wita ku myandikire yemewe ndetse no kumenya ibigize umuco nyarwanda.
2. **Ubuhanga ku nsanganyamatsiko runaka:** Ubumenyi n’uburambe mu byiciro bitandukanye by’amasomo hirimo, ubumenyi ku bijyanye n’imari (Financial Literacy), ubuzima n’imibereho myiza (Health and Wellbeing), amateka n’umuco (History and Culture), ndetse n’ubumenyingiro (STEM).

   Icyitonderwa: Ushaka kuba mwarimu yihitiramo ikiciro kimwe muri ibi byavuzwe haruguru yumva ashaka ndetse afitiye ubushobozi bwo kwigisha.

3. **Kwandika no gukirikiranya ibice bigize isomo:** Kuba ashoboye kwandika mu buryo burambuye, busobanura kandi bukururira umunyeshuri kugira ubushake bwo kumenya ibikurikira hitabwa ku cyane ku rukurikirane rw’isomo.
4. **Gutegura amasomo:** Kumenya amahame yo kwigisha ndetse n’uburyo bwiza bwo gutegura amasomo.
5. **Uburambe mu kwigisha:** Uburambe mu gutanga amasomo cyangwa mu guhugura abantu mu byiciro bitandukanye.

6. **Uburambe mu gukorera kuri murandasi:** Uburambe mu gutegura no gutanga amasomo ubinyujije kuri murandasi.
7. **Kumenya amategeko agenga abanditsi:** Ubumenyi ku mategeko n'uburenganzira bw'umwanditsi, ndetse no kumenya imikorere n'imikoreshereze y'inyandiko z'abandi banditsi mu buryo bwemewe n'amategeko.

Uko Wakwiyandikisha

Uwifuza gusaba kuba mwarimu asabwe kohereza umwirondoro we (CV) uri kumwe n'urugero rw'integanyanyigisho y'amasomo biteguye mu Kinyarwanda kuri **content@bolingoconsult.com**.

Icyitonderwa: Ukeneye ubundi busobanuro, ufite inyunganizi cyangwa igitekerezo, wohereza ubutumwa bwawe kuri: **content@bolingoconsult.com** hamwe na **ecgyetuah@bolingoconsult.com**.